**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF JUSTICE**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

## ITANGAZO

Minisiteri y'Ubutabera iramenyesha abantu bose bifuza gupiganwa muri cyamunara zikorwa mu buryo (sisitemu) bw'ikoranabuhanga burangirizwamo inyandikompesha ko kuva tariki ya 20 Nzeri 2023, uburyo bwo kwerekana ko hishyuwe ingwate ya cyamunara ingana na 5% bwahindutse mu buryo bukurikira:

1. **Kwishyura ingwate ugiye ku ishami rya Banki ya Kigali (BK)**

Ugomba kwitwaza *nimero yo kwishyuriraho ingwate* wasabiye muri sisitemu ya cyamunara (www.cyamunara.gov.rw). Iyo umaze kwishyura ingwate ku ishami rya Banki ya Kigali uhabwa numero igaragaza ko wishyuye akaba ariyo ushyira muri sisitemu ya cyamunara kugirango ubashe gupiganwa.

2. **Kwishyura ingwate ukoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga**

Ushobora kandi kwishyura ingwate ya cyamunara ukoresheje Mobile Money (MTN) cyangwa Airtel Money (Airtel) cyangwa ikarita ya Banki (Credit Card). Ibi bikorerwa imbere muri sisitemu ugakurikiza amabwiriza.

Abifuza ibindi bisobanuro cyangwa se kugira icyo bafashwa, batwandikira kuri e-mail ikurikira: iecms-support@minijust.gov.rw cyangwa bagahamagara kuri iyi numero 3936.

Kigali, ku wa 19/09/2023

Digitally signed by MINIJUST(Permanent Secretary)

**MBONERA Theophile**
Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije